GUSOZA ICYUMWERU CY’UBUREZI GATOLIKA MURI ZONE PASTORALE YA GISENYI

Kuri uyu wa gatanu tariki 10/06/2016, habaye ibirori byo gusoza icyumweru cy’uburezi Gatolika mu karere k’ubutumwa ka Gisenyi, ibyo birori bikaba byabereye muri paruwasi ya Muhororo. Insanganyamatsiko iragira iti"***Twakire imphwe z'Imana, tube abahamya bazo, twubahiriza igihe, tuzirikana abandi***". Ibyo birori byabimburiwe n’Igitambo cya Misa yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Mu nyigisho ye yatangiye yishimira abana abita ba nyakubahwa. Yashimiye kandi abatekereje iyi gahunda y'icyumweru cy'uburezi gatolika, none bikaba bimaze gufata iyi ntera.

Ni ikigaragaza ko uburezi bukomoka ku Murezi mukuru Kristu. Yagarutse ku masomo y'umunsi aho igitabo cy'ubuhanga kitubwira uburyo Imana yahaye muntu ingabire ihanitse kurusha izindi yaduhaye kumenya ibiriho byose akanabigenga. Impamvu kwari ukugira ngo muntu agire uburezi n'uburere. Mu Ibaruwa Pawulo Mutagatifu yandikiye Abanyefezi, aratubwira icyo tugomba gukora kugira ngo duhe agaciro uburezi n'uburere. Yabwiye abana ko bagomba kumvira no kubaha ababyeyi na bagenzi babo, bakababonamo ishusho y'Imana ariyo Kristu. Pawulo arakomeza agira ati"*uwubaha azaramba ku isi*" kuko yaranzwe n'uburere. Pawulo yanabwiye ababyeyi ngo ntibagakure abana umutima, ahubwo babarere ariko batabarera bajeyi ahubwo babakosorane umutima w'urukundo n'impuhwe. Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yagize ati : « Abarezi namwe murere murangwa n'urukundo n'impuhwe» ati mumenye ko muri mu kigwi cy'ababyeyi ; yongeyeho ati « mumenye ko ari mwe mumarana n'abana igihe kinini ». Ati nta gishimisha nko kurera umwana akaba ministre, padiri, mameya, Musenyeri...ibi bigaragaza ibyishimo by'uko umwana yera imbuto ari wowe wayibibye.

Niyo mpamvu tugomba kubaha umwana, koko umwana ni umutware. Niyo mpamvu Yezu yabivuze abubaha agira ati "mureke abana bansange". Natwe dusabe kugira umutima nk'uw'umwana, dukumira inabi n'ishyari... Nk'uko Yezu yahaye umugisha abana bamusanze, yasoje yifuriza abari aho bose umugisha ahereye ku bana, abayeyi, abarezi, abayobozi, abapadiri bose abifuriza gukomeza kurangwa n'impuhwe abasobanurira ko impuhwe ari ubupfura, ari ubukristu, ari ubugabo. Abatagatifu twese twiyambaje badusabire kugira ngo twakire impuhwe z'Imana kandi badufashe kuzirikana abandi nk'uko insanganyamatsiko y'uyu mwaka ibivuga.

Nyuma y’Igitambo cya Misa, hakurikiyeho gahunda yo gutanga certificats n'ibihembo ku bigo byabaye ibya mbere mu gutunganya icyumba cya « musenge » muri buri paruwasi.

Ijambo ry’umukuru w’intara y’iburengerazuba yagejeje kubari bateraniye aho, yavuze ko abo bana mu minsi iri imbere nibo bazavamo abayobozi. Buri mwarimu akomeze kuzirikana inshingano ze. Yavuze ko na we yabaye umurezi w'umwuga, abona ko kurera bishimisha. Yakomeje abwira abana ngo babe abatware beza b'abanyampuhwe, bakorera Imana kandi birinda ubukozi bw'ibibi. Yakomeje agira ati amashuri menshi ni aya Kiliziya Gatolika, bakomeze bimakaze uburezi bufite ireme. Yasabye abarezi gukomeza gukundisha abana isuku aho bigira, mu bwiherero n'aho barira. Yarangije ashimira abatekereje iki gikorwa gifite agaciro kugeza kuri uru rwego rushimishije.

Mu ijambo risoza, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yashishikarije abari aho gukundisha abana

Imiryango y’Agisiyo Gatolika, kandi bakabarinda imirimo ivunanye. Yashimiye abagize icyo bavuga bose, urugero ni Musenyeri J.M.V NSENGUMUREMYI ku mashyiga atatu yo gutekaho uburezi yatubwiye: ukwemera, ubwenge budacagase n'imico myiza yanavuze ko inkwi zo gutekesha iyo nkono y'uburezi ari Impuhwe. Yashimiye abatekereje gushishikariza icyumba cya musenge, anabasaba kukigirira isuku. Yashimiye Umuyobozi y’intara y’iburengerazuba wigomwe akaza muri ibyo birori, anamushimira impanuro yatanze.

Yasoje ijambo rye asaba bose kujya bafatanya ku mpande zose kugira ngo bakumire guta ishuri kw’abana. Yashimiye kandi umuyobozi w’intara uburyo yashishikarije abana kwirinda ibiyobyabwenge ndetse n'ubusambanyi ; yongeyeho ko izo ngeso mbi zikumira amajyambere. yavuze ko mu miryango ariho haturuka uburere bw'ibanze nuko asaba abanyeyi kururshaho kuzirikana neza inshingano zabo. Yasabye abayobozi b'ibigo bose kuzaba indashyikirwa ubutaha. Yarangije ashimira bose anabifuriza gukomeza kugira umunsi mwiza.

Padiri NSHIMYUMUREMYI Straton